# IKINYARWANDA PLE 2021 EXTRACT

**INOMERO YUZUYE Y'UMUNYESHURI**

| Intara/Umujyi | Akarere | Umurenge | Ishuri | Umunyeshuri |
|---|---|---|---|---|
| □□ | □□ | □□ | □□ | □□□ |

**Amazina y'umunyeshuri**

Izinaryawebwite: ____________________

Andimazinayawe: ____________________

INOMEROY' UMUNYESHURIN'AMAZINAYEBIGOMBAKUGARAGARANK' UKOBIGARAGARAKURI

## PARIKI Y' IGIHUGU YA NYUNGWE

Pariki y' iguhugu ya Nyungwe ni ishyamba kimeza riri mu magepfo y' uburengerazuba bw' u Rwanda. Iryo shyamba rya nyungwe rifatanye na pariki ya Kibira yo mu gihugu cy' u Burundi. Mu mwaka wa 1903 ni bwo iryo shyamba ryemejwe nk' icyanya kigomba kubungabungwa. Ishyamba kumeza rya Nyungwe ryaje kwemerwa nka Pariki y' Igihugu mu mwaka wa 2005. Ishyamba rya Nyungwe rifite ubuso bwa kirometero kare 1019. Rikaba ryarahozemo inyamaswa nini zinyuranye zagiye zishira buhoro buhoro. Mu 1974 ni bwo imbogo za nyuma zabaga muri iryo shyamba zashize bimazwe na ba rushimusi. Inzovu ya nyuma yari isigaye muri iryo shyamba yishwe mu mwaka wa 1999. Usibye izo nyamaswa nini ubu habarizwamo inyamaswa ntoya nk' ibitera, n' inkende n' izindi zo muri ubwo bwoko bw' inguge. Amwe mu moko agize izi nguge ashobora gusurwa na ba mukerarugendo andi yo ntabwo asurwa.Izi nguge zikurura abakerarugendo benshi , kuko hari amwe muri ayo moko y' inguge utasanga ahandi ku mugabane w' Afurika, uretse mu Rwanda.

Habaho amoko agera kuri 275 y' inyoni ndetse n' amoko asaga 240 y' ibiti. Abashaka gusura Pariki ya Nyungwe bashobora kwinjirira ahitwa Kitabi, Uwinka, cyangwa se Gisakura . Gusura iyo Pariki bikaba bikorwa guhera mu gitondo saa moya kugera saa kenda iminsi yose. Ushaka gusura iyo Pariki agomba kuba aherekejwe n' umukozi wa RDB kandi amaze kwishyura amafaranga yagenwe.

Ishyamba rya Nyungwe rishobora kuba ari ryo shyamba ry' inzitane ryo mu misozi miremire muri Afurika yose.Iryo shyamba riru mu misozi iri hagati ya m 1600 na m 2950 z' ubutumburuke. Ishyamba kimezza rya Nyungwe ni kimwe mu bigega by' amazi y' u Rwanda;ritanga hafi 60% by'amazi y' u Rwanda. Ikindi

kandi isiko y' uruzi rwa Nili ari na rwo rurerure muri Afurika , iri muri iryo shyamba.

Icyatsi cy' umukipfu kibasira ishyamba kimeza rya Nyungwe maze kikaryangiza. Iyo wakuze urya ibindi byatsi maze ugasanga bimwe mu bimera biri mu rusobe rw' ibinyabuzima bibangamirwa. Impamvu icyo cyatsi gikura gutyo ni uko cyaribwaga n' inzovu ndetse n' imbogo kandi zikaba zitakiba muri iyo pariki. Iyo umukipfu watangiye kuzana indabo birahangayikisha cyane kuko usanga aho kibasiye kihangiza , gusa ngo iyo kirabye cyongera kuzamuka hashize igihe.

Hari kandi "Oanopy Walkway"akaba ari ikiraro cyubatswe mu bushorishori bw' ishyamba rya Nyngwe. Kiri muri metero mirongo itandatu uvuye ku butaka,kikagira uburebure bureshya na metero Magana abiri. Iki kiraro cyafunguwe muri 2010. Ni cyo kiraro cya mbere kigeze muri Afurika y' iburasirazuba, kikaba ndetse icya gatatu muri Afurika nzima nyuma ya Gana (Ghana) na Afurika y' Epfo.

Icyo kiraro gifasha abasura pariki kuyireba bayihereye hejuru , ku buryo bifasha mu kureba amaso ku maso utunyoni ndetse n' inkende biba muri iryo shyamba.

Ukinjira muri pariki ya Nyungwe usanganirwa n' umwuka mwiza uhehereye , akayaga gatuje gaherekejwe n' utujwi tw' inyoni n' impumuro nziza y' indabyo ziganje muri iyo Pariki. Wakebuka hirya no hino ugahuza amaso n' utunyamaswa twiza cyane duteye ubwuzu ;bityo ukumva wakomeza kwihera ijisho.

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO**

1)Pariki ya Nyungwe iherereye he ?

______________________________________________

2) a)Ni iyihe Pariki yindi ivugwa muri uyu mwandiko?

______________________________________________

b)Iyo pariki iherereye he?

______________________________________________

3) RDB ivugwa muri uyu mwandiko ni iki ?

______________________________________________

4) Ishyamba kimeza rya Nyungwe ryemejwe nka Pariki mu wuhe mwaka?

______________________________________________

5) Tanga ingero eshatu (3) z' ibinyabuzima dusanga muri Pariki ya Nyungwe.

______________________________________________

6) a)Ni izihe nyamaswa zahoze muri Nyungwe zikaba zitakihaba?

______________________________________________

b)Izo nyamaswa zaje kujya he?

______________________________________________

7) a) Ni ikihe cyatsi kibasiye Pariki ya Nyungwe?

_______________________________________________

b)Icyo cyatsi kiyibasiye mu buhe buryo?.

_______________________________________________

c)Kubera iki icyo cyatsi kiyibasiye muri iyi minsi?

_______________________________________________

8) a) Ni ikihe gikorwa remezo nyaburanga kidasanzwe gikurura ba mukerarugendo baje gusura Nyungwe?

_______________________________________________

b) Usibye gukurura ba mukerarugendo icyo gikorwa remezo gifite akahe kamaro?

_______________________________________________

9)Uramutse uturiye pariki ya Nyungwe vuga ibintu bibiri wakora kugira ngo ubungabunge ubusugire bwayo?

_______________________________________________

10) Andika ingaruka ebyiri igihugu cyagira pariki ziramutse zitabungabunzwe?

_______________________________________________

11) Ni hehe abantu bashaka gusura Pariki ya nyungwe bashobora guhurira n' ababishinzwe?

_______________________________________________

12) Ni iki cy' umwihariko Pariki ya Nyungwe ihuriyeho na pariki zo muri Gana (Ghana ) na Afurika y'Epfo?

_______________________________________________

13) Vuga niba ari byo cyangwa Atari byo ukurikije umwandiko **( ni byo / si byo)**

(a) Pariki ya Nyungwe iri mu majyaruguru y' uburengerauba bw' u Rwanda [ ]

(b) Amwe mu moko y' inguge zo muri Nyungwe ashobora gusurwa na ba mukerarugendo [ ]

( c ) Imbogo za nyuma zagaragaye muri Nyungwe mu mwaka wa 1999. [ ]

(d ) Umukipfu ni icyatsi kibasira ibindi byatsi kikabyangiza. [ ]

(e ) Ukigera muri Pariki usanganizwa n' umwuka mubi uyiturukamo [ ]

14) Simbuza amagambo ari mu dukubo andi bisobanura kimwe ari mu mwandiko:

(a) Abanyeshuri bagiye gusura ishuri( riherereye) mu murenge baturanye

(b) Ishuri ry' umwaka wa kabiri( rihana imbibe)i n' iry' umwaka wa gatatu .

(c ) Muri Nyungwe dusangamo inyamaswa (zinyuranye).

( d) Ba mukerarugendo bashoboye gusura amoko( arenga) ijana y' inyamaswa.

(e ) Ibikorwa bya muntu byibasira ishyamba maze( bikaryonona).

## IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO ( amanota 29 )

15.Andika interuro ngufi zigaragaramo amagambo akurikira:

(a) Ntera

_______________________________________________

(b)Izina rusange

______________________________________________

(c) Ikinyazina nyereka

______________________________________________

( d) Indangahantu

______________________________________________

(e )Umugereka w' ahantu

______________________________________________

16) Andika ubwoko bw' amagambo aciyeho akarongo.
a)Nta mbogo zikiba mu ishyamba rya Nyungwe

______________________________________________

______________________________________________

(b ) Inzovu zo zari zigihari kugeza mu myaka ya vuba

______________________________________________

______________________________________________

( c) Ubu muri Nyungwe hasigaye amoko anyuranye y' inguge.

______________________________________________

______________________________________________

17) Aya magambo aciyeho umurongo ari mu zihe nteko?
(a) Pariki ya Nyungwe ni ishyamba kimeza ririmo ibinyabuzima

______________________________________________

______________________________________________

(b) Imbogo za nyuma zabaga muri Nyungwe zashizemo mu mwaka wa 1974

______________________________________________

(c ) Izi nguge zikurura abakerarugendo benshi basura Pariki ya Nyungwe.

______________________________________________

(d)Ubukerarugendo bufite uruhare runini mu kwinjiriza igihugu amadovize

______________________________________________

18) Shaka uturemajambo n' amategeko y' igenamajwi ( mu mpine ) yakoreshejwe ku magambo aciyeho akarongo
(a) Muri Nyungwe habamo inzuki zitanga ubuki bwiza cyane

______________________________________________

______________________________________________

(b) Mu ishyamba rya Nyungwe dusangamo indabo z' amoko menshi.

______________________________________________

______________________________________________

19) Shyira interuro zikurikira mu zindi ngiro:
(a) Abanyeshuri barakora ikizamini k' ikinyarwanda.

______________________________________________

(b) Inzu irubakwa n' abafundi.

______________________________________________

20)Tanga urugero rw' interuro ngufi kuri buri bwoko :
(a) Interuro ihamya

(b)Interuro itangara

(c) Interuro ibaza

(d) Interuro itegeka

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW' URURIMI** ( Amanota 22)

21. Simbuza amagambo ari mu dukubo andi yabugenewe
(a) Gatete yagiye gusura( abana ba mushiki we.)

(b) Nyiramana yasuwe n'( abana ba musaza we )

(c) Kabagema arimo( guhanagura inka) ye.

(d) Gasaro akunda kunywa( amata yiriwe ataravura)

(e ) Kabatesi avuye( kugura igisabo)

22) Tanga imbusane z' amagambo aciyeho umurongo
a) Inzovu ya nyuma yabaga muri Nyungwe yishwe bidatinze
b) Muri Nyungwe harimo amoko asaga Magana abiri y' ibiti.
c) Ishyamba kimeza rya Nyungwe ni kimwe mu bigega by' amazi y' u Rwanda.
d) Inyamaswa nini zabaga muri Nyungwe zagiye zishira buhoro buhoro.

23.Huza inshoberamahanga n' ibisobanuro byazo

| | |
|---|---|
| a) kwibuka ibitereko washeshe | kujya ahantu ntutindeyo |
| b) Kuraswayo | kwiyoberanya |
| c) Kuvoma hafi | kunanirwa cyane |
| d) Kwigira nyoni nyinshi | kwibuka gukora ikintu ntacyo ukimarira |
| e) Kudacira ngo agwe | kurakara vuba |

**24) Ica ibi bisakuzo: Sakwe sakwe!**
a)Ujya kurasa inkuba arabandama

b) Abakobwa banjye babyina bose.

c) Karatambana inyama itukura!

______________________________

d) Ngeze mu gahinga mfunga feri!

______________________________

25. Kosora izi niba zanditse nabi.

a) ntakirut' Imana avuye kw' ishuli

______________________________

b) Abana baraye bageze i muhira n' ijoro.

______________________________

c) Kwanga kwoga ni bibi k' ubuzima bwacu.

______________________________

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO** ( amanota 15)

26) Andika itangazo rimenyesha abantu bose ko bibujijwe kujya muri Pariki ya Nyungwe kuhakorera igikorwa icyo ari cyo cyose utabiherewe uburenganzira . Ugaragaze ibibujijwe kuhakorerwa .

Wandike mu mazina ya Ganza Fabiyani.

______________________________

______________________________

______________________________

______________________________

______________________________

______________________________

______________________________

______________________________

______________________________

______________________________

______________________________